Republic
of Rwanda

NATIONAL INSTITUTE OF
STATISTICS OF RWANDA




# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA MUTARAMA 2026

10 GASHYANTARE 2026

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Mutarama 2026. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

## A. Ibiciro mu mijyi

Muri Mutarama 2026, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 8,9% ugereranyije na Mutarama 2025, mu gihe byari byiyongereyeho 8% mu Ukuboza 2025.

Muri Mutarama 2026, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,3%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 15,6%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 10,5%, ibiciro by'ibijyanye n'ubuvuzi byiyongereyeho 71,1%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 8,6% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 19,2%.

Ugereranyije Mutarama 2026 n'Ukuboza 2025, ibiciro byiyongereyeho 1,3%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,5%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 2% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 5%.

Ugereranyije Mutarama 2026 na Mutarama 2025, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 8,9%.

## B. Ibiciro mu byaro

Muri Mutarama 2026, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 6,5% ugereranyije na Mutarama 2025. Ibiciro mu kwezi kw' Ukuboza 2025 byari byiyongereyeho 3,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muriMutarama 2026 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,3%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 14,6% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 16,9%.

Ugereranyije Mutarama 2026 n'Ukuboza 2025, ibiciro byiyongereyeho 0,1%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 2,9%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Muri Mutarama 2026, ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 7,5% ugereranyije Mutarama 2025, mu gihe byari byiyongereyeho 5,2% muUkuboza 2025.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Mutarama 2026 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,3%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 14,9%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 5,9%, n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 18,2%.

Ugereranyije Mutarama 2026 n'Ukuboza 2025, ibiciro byazamutseho 0,6%. Iri gabanuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 4,1% ndetse n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 4,1%.

## Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mutarama 2025 kugeza muri Mutarama 2026

| Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize ndetse n'ukwezi kwakubanjirije | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **2025** | | | | | | | | | | | | **2026** |
| | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** | **12** | **01** |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 7,4 | 6,3 | 6,5 | 6,3 | 6,9 | 7,0 | 7,3 | 7,1 | 7,3 | 7,1 | 7,2 | 8,0 | 8,9 |
| Mu byaro | 4,5 | 2,2 | 3,9 | 6,9 | 8,2 | 9,2 | 7,0 | 5,9 | 5,5 | 3,8 | 2,0 | 3,3 | 6,5 |
| Mu Rwanda | 5,7 | 3,8 | 4,9 | 6,6 | 7,7 | 8,3 | 7,2 | 6,4 | 6,2 | 5,1 | 4,1 | 5,2 | 7,5 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 0,5 | 0,7 | 1,3 | 1,2 | 0,6 | -0,2 | 0,1 | 0,7 | 1,4 | 1,3 | 0,2 | 0,0 | 1,3 |
| Mu byaro | -2,9 | 1,0 | 2,2 | 3,0 | -0,4 | 0,1 | -1,1 | 0,7 | 1,2 | 0,8 | -0,3 | -0,9 | 0,1 |
| Mu Rwanda | -1,6 | 0,9 | 1,9 | 2,3 | 0,0 | 0,0 | -0,6 | 0,7 | 1,3 | 1,0 | -0,1 | -0,6 | 0,6 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw

+250 788 38 3103
www.statistics.gov.rw
info@statistics.gov.rw